

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU



# INYANDIKO NGENDERWAHO MU MITANGIRE YA SERIVISI FATIZO *KU KARERE K'ICYARO*



Supported by



## Ijambo ry'Ibanze

Gutanga serivisi zinoze mu Nzego z'Ibanze ni ingenzi mu gushimangira imiyoborere myiza no gushyira mu bikorwa ingamba zikubiye muri gahunda y'imbaturabukungu (EDPRSII). Ibyo bizatuma kandi tugera ku bikubije mu Icyerekezo 2020 u Rwanda rwihiye.

Ndashimira ubushake n'umuhate byaranze abayobozi b'Inzego z'Ibanze mu itegurwa ry'iyi nyandiko ngenderwaho mu mitangire ya serivisi fatizo mu nzego bayobora, kandi ndabashishikariza kuzabyubahiriza nk'uko ari bo babyishiriyeho.

Nshimishijwe rero no kubagezaho iyi nyandiko igaragaza serivisi fatizo zitangwa n'inzego z'Ibanze mu Rwanda. Ikoze mu buryo bworoshye twizera ko buzafasha korosha imitangire ya serivisi mu Nzego z'Ibanze.

Leta y'u Rwanda ishishikajwe n'iterambere ndetse n'imitangire ya serivisi zinoze kandi zижyanye n'umwihariko wa buri rwego na buri hantu. Iyi nyandiko irareba by'umwihariko Inzego z'Imitegekere y'Ighugu zegerejwe abaturage zirimo Akarere, Umurenge n'Akagari. Izi nzego ni zo zigira uruhare rw'Ibanze mu gutanga serivisi zinogeye abaturage no mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta uko zakabaye.

Gushyira ku mugaragaro iyi nyandiko ifite imbonerahamwe ya serivisi fatizo ni intambwe ikomeye mu byerekeye kugaragariza abaturage ibibakorerwa mu Nzego z'Ibanze. Twizeye ko iyi mbonerahamwe izafasha izo nzego gutanga serivisi zihuse, zinoze kandi, zubahirije igihe giteganywa.

Muri urwo rwego, iyi mbonerahamwe ikubiyemo amakuru yose ajyanye na serivisi zitangwa n'Inzego z'Ibanze. Kuri buri serivisi, igaragaza umukozi uyishinzwe, ibisabwa, ikiguzi, ndetse n'igihe ntarengwa cyo kuba igisubizo cyabonetse. Bityo rero, iki ni igikoresho kiyobora abashinzwe gutanga serivisi mu Nzego z'Ibanze ndetse n'abazisaba.

Twizeye ko kubahiriza ibikubiye muri iyi nyandiko bizarushaho gutuma Inzego z'Ibanze zibasha gutanga serivisi nziza zinogeye abaturage ndetse zikarushaho kubagaragariza ibyo bakorerwa.

Turashishikariza inzego bireba gukurikirana uburyo ibikubiye muri iyi nyandiko byubahirizwa kandi turabasaba gukora ibishoboka byose kugira ngo abaturage babisobanurirwe neza. Ubufatanye hagati y'abayobozi n'abaturage ni bwo buzatugeza ku miyoborere myiza n'iterambere twifuza.

  
KABONEKA Francis  
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Ighugu



# SERIVISI ZITANGIRWA MURI ONE STOP CENTER

## Umukozi ushinzwe Ibikorwa Remezo n' Imiturire

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUSABA URUHUSHYA RWO GUSHYIRaho IBYAPA BYAMAMAZA N'IBIMENYETSO NDANGAHANTU</b>	Ibaruwa isaba yandikiwe akarere iherekejwe n'ibiranga icyapa (uko gikoze, ingano z'inyuguti zanditseho, aho kigomba gushyirwa, aho nyiracyo abarizwa, etc.)	<b>Icyapa cyamamaza ibikorwa cyangwa imirimo ibyara inyungu :</b> hagati ya 10.000 Frw na 20.000 Frw ku mwaka kuri m2. <b>Iyo icyapa cyamamaza ku mpande zombi, buri ruhande rwishyurirwa amahoro;</b> <b>Banderole yanditseho ubutumwa bumenyekanisha igikorwa:</b> hagati ya 5.000 Frw na 10.000 Frw ku munsi; <b>Ibyapa byamamaza hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga:</b> hagati ya 60.000 Frw na 100.000 Frw ku mwaka hatitawe ku bunini bwabyo	Iminsi 3 kugeza ku byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
2.	GUSABA URUHUSHYA RWO KUBAKA INZU	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Ibaruwa isaba uburenganzira bwo kubaka yandikiwe umuyobozi w'Akarere itanga amakuru ku nzu wifuzza kubaka</li> <li>• Kaba yarishyuye umusoro w'ubukode bw'ubutaka</li> <li>• Igenagaciro ka buri gikorwa kizakorerwa ku kibanza (bill of quantities) - Kopi 2</li> <li>• Ibishushanyo byerekana inyubako bu buryo burambuye (building plans) - kopi 3</li> <li>• Ifishiy'ubutaka (deed plan)</li> <li>• Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa</li> <li>• Fotokopi y'ibiranga abanditse ku byangombwa by'ubutaka (Irangamuntu cyangwa pasiporo)</li> <li>• Fotokopi y'icyangombwa cy'ubutaka</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• 20.000 Frw: Ubuso bwubakwaho hagati ya m<sup>2</sup> 0 kugeza kuri m<sup>2</sup> 100</li> <li>• 40.000 Frw: Ubuso bwubakwaho guhera kuri m<sup>2</sup> 100 kugeza kuri m<sup>2</sup> 500</li> <li>• 60.000 Frw: Ubuso bwubakwaho burengeje m<sup>2</sup> 500</li> <li>• 3.000 Frw: Extrait Cadastrale</li> <li>• 10.000 Frw: Gukorera igishushanyo cy'ubutaka (fiche cadastrale) yishyurwa mbere ukabona gukoresha ibishushanyo by'inyubako)</li> </ul>	Mu minsi 30

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
3.	<b>GUSABA KONGERERWA IGIHE KU RUHUSHYA RWO KUBAKA INZU</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibaruwa isaba kongererwa igihe cyo kubaka</li> <li>Kopi y'icyangombwa cyo kubaka</li> <li>Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa</li> <li>Fotokopi y'indangamuntu</li> <li>Fotokopi y'icyangombwa cy'ubutaka</li> <li>Rapor y'aho imirimo yo kubaka igeze</li> <li>Ifoto y'in'yubako</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>20.000 Frw: Ubuso bwubakwaho hagati ya m<sup>2</sup> 0 kugeza kuri m<sup>2</sup> 100</li> <li>40.000 Frw: Ubuso bwubakwaho guhera kuri m<sup>2</sup> 100 kugeza kuri m<sup>2</sup> 500</li> <li>60.000 Frw: Ubuso bwubakwaho burengeje m<sup>2</sup> 500</li> </ul>	Iminsi 3 kugeza ku byumweru 2 Mu minsi 30
4.	<b>GUSABA URUHUSHYA RWO KUBAKA UMUNARA W'ITUMANAHO</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Amasezerano yo kugura ubutaka cyangwa icyangombwa cy'ubutaka</li> <li>Igishushanyo cy'ubutaka (fiche cadastrale)</li> <li>Ibihushanyo byerekana inybako bu buryo burambuye,</li> <li>Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Amafaranga y'amahoro yo kubaka n'ubukode bw'ubutaka ku mwaka wa mbere.</li> <li>2.000 Frw kuri metero imwe y'ubujyejuru ku mwaka</li> <li>Iyo umunara ushinze ku nyubako cyangwa ikindi kintu gituma ubujyejuru bwavo bwiyongera, uburebure bw'icyo umunara ushinzeho bubarirwa 1.000 Frw kuri metero imwe y'ubujyejuru</li> </ul>	Iminsi 15

Ibikonwa Remezo - Imiturire

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
5.	GUSABA URUHUSHYA RWO GUKORERA MU NYUBAKO NSHYA	<ul style="list-style-type: none"> <li>Icyangombwa cyo kubaka</li> <li>Igishushanyo cy'inzu cyemejwe</li> <li>Amafoto y'inzu</li> <li>Icyangombwa cy'ubutaka</li> </ul>	Ntayo	Icyumweru 1
6.	GUSABA KWISHYURWA SERIVISI BA RWIYEMEZAMIRIMO BAHAYE AKARERE	Wandikira Akarere ukomekaho impapuro zishyuza ziherekejwe n'ibisabwa mu masezerano	Ntayo	Iminsi 3
7.	GUSABA KUBAKA AHAGURISHIRIZWA IBIKOMOKA KURI PETEROLI (PETROL STATION)	<ul style="list-style-type: none"> <li>Urwandiko rubisaba</li> <li>Icyangombwa cy'ubutaka</li> <li>Inyigo ku ngaruka ku bidukikije</li> <li>Icyemezo gitangwa na RURA</li> </ul>	Agenwa n'Akarere	Iminsi 3 ku Karere



# Umukozi ushinzwe ubutaka

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	KUGABANYAMO IBICE IKIBANZA/ ISAMBU	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibyangombwa by'ubutaka busabirwa kugabanywamo ibice</li> <li>Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'Ubutaka by'Akarere kuri buri gice cy'ubutaka busabirwa kugabanywamo ibice</li> <li>Rapor y'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibibi, umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>10,000 Frw y'lgishushanyo cy'ubutaka (deed plan).</li> <li>5,000 Frw kuri buri cyangombwa cy'ubutaka gishya</li> </ul>	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
2.	GUHUZA UBUTAKA	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibyangombwa by'ubutaka busabirwa guhuzwa</li> <li>Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'ubutaka ikomatanya ibice by'ubutaka bisabirwa guhuzwa</li> <li>Rapor y'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibibi, umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>10,000 Frw y'lgishushanyo cy'ubutaka (deed plan).</li> <li>5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya</li> </ul>	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

Ubutaka

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
3.	<b>GUKOSORA IMBIBI CYANGWA UBUSO BW'UBUTAKA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibyangombwa by'ubutaka busabirwa gukosorerwa imbibi cyangwa ubuso</li> <li>Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'ubutaka ikomatanya ibice by'ubutaka busabirwa gukosorerwa imbibi cyangwa ubuso</li> <li>Rapor y'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibib, umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>10,000 Frw y'Igishushanyo cy'ubutaka (deed plan).</li> <li>5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya</li> </ul>	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
4.	<b>GUHINDUZA IBYANGOMBWA BYATANZWE HASHINGIWE KU MATEGEKO YA KERA HAGATANGWA IBISHINGIYE KU MATEGEKO MASHYA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga usaba</li> <li>Icyemezo cy'uko washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka bisabirwa guhindurwa</li> <li>Icyemezo cy'agateganyo gihabwa uwabaruje ubutaka/inyandiko yemeza nimero ubutaka bwbaruwaho</li> <li>Ifishi y'ubutaka (Fiche cadastral) yemewe n'Akarere mu gihe usaba adafite icyemezo cy'agateganyo cyangwa inyandiko yemeza nimero y'ubutaka</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
5.	<b>GUHINDURA UBUKODE BURAMBYE BUKABA INKONDABUTAKA CYANGWA INKONDABUTAKA NGENANKOMYI</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> <li>Icyemezo cy'uburenganzira bwo kubaka</li> <li>Icyemezo cy'igenzura kigaragaza ko imyubakire yakurikije ibiyari biteganyijwe</li> <li>Icyemezo gitanga uburenganzira bwo gukoresha cyangwa gutura mu nyubako(ku basaba inkondabutaka)</li> <li>Icyemezo ko nibura ½ cy'ibyari byemewe kubakwa byubatswe (Ku basaba inkondabutaka ngenankomyi )</li> <li>Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'ubutaka by'Akarere</li> <li>Inyandiko y'ubwumvikane yakorewe imbereya Noteri igaragaza imigabane buri muntu afite mu gihe mu bagomba kwandikwa k'ubutaka harimo abanyamahanga bafatanyije ubutaka n'Abanyarwanda cyangwa iyo ari ikigoc'yubucuruzi, Umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi abanyamahanga bafitemo imigabane</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
6.	<b>GUKOSORA CYANGWA GUHINDURA AMAKURU KU BANTU BANDITSE KU BUTAKA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka</li> <li>Iyo hasabwa guhindura izina, kopi y'Igazeti ya Leta igaragaza guhindura izina</li> <li>Iyo hasabwa guhindura aho atuye: icyemezo kigaragaza ko umuntu yahinduye aho atuye gitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho abarizwa</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> </ul>	5,000 Frw kuri buri cyangombwa cy'ubutaka gishya, iyo amakosa ari ku ruhande rwa nyir'ubutaka	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
7.	<b>GUKOSORA CYANGWA GUHINDURA AMAKURU KW'ISHYIRAHAMWE RIFITE UBUZIMA GATOZI RYANDITSE KU BUTAKA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka (registration certificate)</li> <li>Iyo ari ihinduka ry'lkigo cy'ubucuruzi: inyandiko mvugo y'inama rusange y'lkigo yemeza iryo hinduka kimwe n'icyemezo cy'iyandikisha ry'lkigo gishya</li> <li>Iyo ari imiryango nyarwanda itari iya leta n'imiryango idaharanira inyungu: icyemezo cy'iyandikisha ry'umuryango gitangwa n'lkigo cy'lighugu Gishinzwe lmiyoborere myiza</li> <li>Iyo ari imiryango mpuzamahanga itari iya Leta: icyemezo cy'iyandikisha gitangwa n'Ubuyobozi Bukuru bushinzwe Abinjira n'Abasohoka</li> <li>Iyo ari ishyirahamwe riharanira inyungu z'umurimo cyangwa umwuga: itegeko rishyiraho iryo shyirahamwe</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> </ul>	5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
8.	<b>KWANDIKISHA UBATAKA KU ISHYIRAHAMWE RY'ABASANGIYE UBURENGANZIRA MW'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO (CONDOMINIUM ASSOCIATION)</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibiranga ishyirahamwe (hamwe n'igazeti ya Leta yasohotsemo ubuzimagatozi bw'ishyirahamwe) cyangwa Ibiranga urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo guteza imbere imitire</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> <li>Ibibimo by'ibice by'isangiramutungo (condominium Units), ibice rusange n'imigabane y'abagize ishyirahamwe ry'isangiramutungo ku nyubako</li> </ul>	5,000 frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
9.	<b>KWANDIKISHA IGICE CY'INYUBAKO (CONDOMINIUM UNIT)KIRI MW'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga usaba</li> <li>Icyemezo cyo kuba washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu cy'uwaguze</li> <li>Inyandiko itanzwe n'lshyirahamwe ry'abasangiye inyubako yemeza uburenganzira mw'isangiramutungo (Proof of ownership from Association of Owners)</li> <li>Ibpimo by'igice cy'inyubako kiri mw'isangiramutungo (condominium Units) hamwe n'ibice rusange bisabirwa kwandikwa</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka buriho isangiramutungo ku nyubako</li> </ul>	5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
10.	<b>IHEREREKANYA RY'UBURENGANZIRA RY'IGICE CY'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO (CONDOMINIUM UNIT)</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga abarebwa n'ihererekanya ry'uburenganzira</li> <li>Icyemezo cy'uwaguze cyo kuba warashyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu</li> <li>Amasezerano y'ihererekanya ry'uburenganzira ku gice cy'isangiramutungo ku nyubako yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka</li> <li>Ibyangombwa by'ibice by'isangiramutungo w'inyubako (Condominium Unit)</li> <li>Inyandiko itanzwe n'lshyirahamwe ry'abasangiye inyubako yemeza uburenganzira mw'isangiramutungo</li> </ul>	5,000 Frw	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

Ubutaka

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
11.	<b>GUKOSORA AMAKURU MURI REGISITIRI Y'UBUTAKA (AMAZINA YANDITSE NABI, INIMERO Y'IRANGAMUNTU)</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> </ul>	5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
12.	<b>IYANDIKWA RY'AMAKURU-NYONGERA (ANNOTATION) MURI REGISITIRI Y'UBUTAKA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga usaba</li> <li>Icyemezo cy'uko washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu</li> <li>Icyemezo cy'urukiko cyangwa cy'Ubuyobozi kigaragaza amakuru-nyongera cyangwa indi nyandiko mpamo</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
13.	<b>GUSIMBURA IBYANGOMBWA BY'UBUTAKA BISIMBURA IBYATAKAYE, IBYANGIRITSE, IBYAHIFI CYANGWA IBYATWAWE N'IBIZA</b>	Iyo ibyangombwa by'ubutaka byatakaye: Inyandiko y'indahiro (affidavit) yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka w'aho ubutaka buherereye n'ikimenyetso kigaragaza ko hashize nibura ibyumweru bibiri atanze itangazo ryo kubirangisha kuri imwe mu maradiyo yumbwa cyane mu Rwanda cyangwa muri kimwe mu binyamakuru bisomwa cyane mu Rwanda	5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
		<ul style="list-style-type: none"> <li>Iyo ibyangombwa by'ubutaka byangiritse ku buryo bibasha kugaragazwa: Umwimerere w'ibyangombwa by'ubutaka byangiritse</li> <li>Iyo ibyangombwa by'ubutakabyangiritse ku buryo bitabasha kugaragazwa: Inyandiko y'indahiro (affidavit) yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka w'aho ubutaka buherereye</li> <li>Iyo ibyangombwa by'ubutaka byahiye cyangwa byatwawe n'ibiza: Inyandiko y'indahiro(affidavit) yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka w'aho ubutaka buherereye hashingiwe ku cyemezo cy'Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari k'aho usaba atuye</li> </ul>		
14.	<b>GUHINDUZA ICYO UBATAKA BWAGENEWE GUKORESHWA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> <li>Uruhushya rwo guhindura icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa rutangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere hakurikijwe igishushanyo mbonera</li> </ul>	5,000 Frw ku cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

Ubutaka

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
15.	<b>GUSABA GUHABWA IBYANGOMBWA BY'UBUTAKA KU BUTAKA LETA YAGURISHIJE CYANGWA YATANZE</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga uwaguze/abaguze cyangwa uwahawe/abahawe ubutaka</li> <li>Icyemezo cyo kuba washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu</li> <li>Amasezerano y'ubugure cyangwa y'impano wagiranye na Leta cyangwa icyemezo cy'lnama y'abaminisitiri gitanga ubutaka</li> <li>Inkondabutaka yahawe Leta</li> <li>Iyo nta nkondabutaka yatanzwe: Inyandiko yemeza nimo y'ubutaka (UPI) iyo izwi cyangwa Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'ubutaka by'Akarere na raporo y'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibibi, umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye</li> </ul>	27,000 Frw (20,000 Frw y'iherekanya, 5,000 Frw y'icyangombwa gishya na 2,000 Frw ya Noteri) yishurwa kuri konti y'Akarere.	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2
16.	<b>GUSABA KONGERA CYANGWA KUVANA ABAFITE UBURENGANZIRA KU BUTAKA MURI REJISITIRI Y'UBUTAKA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka</li> <li>Iyo hasabwa kongera bitewe n'ubushyingirwe, icyemezo cy'uko nyir'ubutaka yashyingiwe</li> <li>Iyo hasabwa kongera bitewe n'indi mpamvu, inyandiko yakorewe imbere ya noteri mu by'ubutaka igaragaza imigabane ba nyir'ubutaka bagomba kugira</li> <li>Iyo ari ukuvana muri rejisitiri y'ubutaka, inyandiko yakorewe imbere ya noteri mu by'ubutaka yemeza ko umwe cyangwa benshi bavanwa muri rejisitiri y'ubutaka</li> </ul>	5,000 Frw kuri buri cyangombwa cy'ubutaka gishya	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
		<ul style="list-style-type: none"> <li>Iyo ari ukuvana umuntu muri rejisitiri y'ubutaka kubera ko uwo bari barashyingiranywe yitabye Imana: icyemezo cy'uko ari ingaragu cy'usigaye hamwe n'icyemezo cy'uko uwo bashyingiranywe yitabye Imana cyangwa icyemezo cy'urukiko cyemeza ko usigaye yandikwaho ubutaka</li> <li>Iyo ari ukuvana umuntu muri rejisitiri y'ubutaka kubera ko amasezerano yo gushyingirwa yasheshwe n'ubutane, icyemezo cy'urukiko cyemeza ubutane giherekejwe n'irangiza rubanza, cyangwa inyandiko igaragaza amasezerano y'ubutane abari barashyingiranywe bagiranye mbere yo gutana.</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka</li> </ul>		
17.	<b>GUSABA GUKURAHO AMAKIMBIRANE/ GUHABWA IBYANGOMBWA BYARI MU MAKIMBIRANE MU GIHE YAKEMUTSE</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'ibiranga /abasaba ko amakimbirane akurwaho</li> <li>Icyemezo cyo kuba warashyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu (mu gihe usaba atari we wanditse ku butaka)</li> <li>Icyemezo cy'urukiko kiriho kashe mpuruza n'inyandikomvugo y'irangizarubanza cyangwa inyandiko yashiyizweho umukono n'abari bafitanye amakimbirane yemejwe n'ubuyobozi bw'Umurenge bw'aho ubutaka buherereye mu gihe habaye ubwumvikane</li> <li>Ibyangombwa by'ubutaka mu gihe hari haratanzwe ibyangombwa uwatsinze atari we wanditse ku butaka (Iyo uwatsinzwe atagize ubushake bwo kubisubiza umuhesha w'inkiko abigaragaza mu nyandikomvugo y'irangizarubanza)</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi. Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
18.	<b>GUSABA IGISHUSHANYO CY' IKIBANZA (DEED PLAN)</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kopi y'icyangombwa cy'ubutaka.</li> <li>Iyo ari gusaba icyangombwa cy'ubutaka ubwacyo, werekana icyemezo cy'uko ubutaka ari ubwawe gitangwa n'umurenge.</li> <li>Nomero ya telefoni ubonekaho n'igihe cyangwa urwandiko rusaba.</li> </ul>	10,000 frw y'igishushanyo cy'ubutaka (Deed plan)	Icyumweru kimwe nyuma y'isurwa.
19.	<b>GUTANGA NO GUTIZA INGWATE MURI BANKI</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Icyangombwa cy'ubutaka cy'umwimerere</li> <li>Irangamuntu y'ushaka gutanga ingwate (ubutiza, n'ubuhawe)</li> <li>Incyemezo cy'uko washatse cyangwa uri ingaragu</li> </ul>	2.000 Frw yo kwemeza impapuro mpamo z'ubutaka	Uwo munsi
20.	<b>GUKE MURA AMAKIMBIRANE ASHINGIYE KU BUTAKA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Rapor y'uko ikibazo cyacyemuwe ku murenge</li> </ul>	Ntayo	Igisubizo kiboneka umunsi wo gusura



# Umukozi ushinzwe ibidukikije

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	GUSABA URUHUSHYA RWO GUCUKURA AMABUYE Y'AGACIRO CYANGWA KARIYERI	<p><b>Ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>Ibaruwa isaba yandikiwe akarere bicishijwe ku murenge</li><li>Ikarita y'aho ikirombe kiri</li><li>Inyandiko y'umushinga irambuye</li><li>Ibisobanuro birambuye ku buryo buzakoreshwa mu bucukuzi</li><li>Inyandiko irambuye isobanura uko hazabungabungwa ibidukikije</li></ul> <p><b>Kuri kariyeri iri munsi ya ha 1:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>Ibaruwa isaba yandikiwe akarere bicishijwe ku murenge</li><li>Ikarita y'aho ikirombe kiri</li><li>Inyandiko y'umushinga irambuye</li><li>Inyandiko irambuye isobanura uko hazabungabungwa ibidukikije</li><li>Inyemeza bwishyu y'amafaranga asabwa</li></ul>	<p><b>Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</b></p> <p>Kurambagiza:</p> <p>50.000 Frw; Gukora ubushakashatsi, 100.000 Frw;</p> <p>Ubucukuzi: 150.000 Frw arihwa kuri konti ya MINIRENA. <b>Kariyeri (ha 1 cyangwa munsi):</b></p> <ol style="list-style-type: none"><li>1. Amafaranga y' ingano y'ahacukurwa</li><li>2. Amafaranga y'isuku</li><li>3. Amafaranga y'ipatanti</li><li>4. Kwishyura amafaranga 500,000 y'ingwate, asubizwa iyo ahacukuwe hamaze gusubiranywa uko hari hameze mbere.</li></ol>	Icyumweru 1

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
2.	<b>GUSABA INAMA KU BIJYANYE N'IBIDUKIKIJE (IBISHANGA, IKORESHWA RY'UBUTAKA, MINE, KARIYERI, ETC.)</b>	Kuza ku karere no gusobanura ikibazo wifuzaho inama	Ntayo	Uwo munsi

Ibidukikije



# Ibiro bya Noteri

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUSABA GUSHYIRA UMUKONO KU MASEZERANO Y'UBUGURE KU MITUNGO YIMUKANWA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Indangamuntu</li><li>Ibyangombwa by'umutungo wimukanwa</li><li>Amasezerano y'Ubugure asinyirwa imbere ya noteri</li><li>Inyemeza bwishyu y'amahoro asabwa</li></ul>	2.000 Frw ku masezerano (ntabwo ari kuri buri rupapuro)	Uwo munsi
2.	<b>GUSABA GUSHYIRA UMUKONO KU MASEZERANO Y'INGUZANYO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Amasezerano y'inguzanyo ya banki</li><li>Indangamuntu</li><li>Inyemeza bwishyu y'amahoro asabwa</li></ul>	2.000 Frw ku masezerano (ntabwo ari kuri buri rupapuro). Ku zindi mpapuro zometse ku masezerano, (ingwate, etc.) hatangwa 1200 Frw kuri buri rupapuro	Uwo munsi
3.	<b>GUSABA GUSHYIRA UMUKONO KURI SITATI Y'AMASHYIRAHAMWE, AMAKOPERATIVE N'IMIRYANGO ITEGAMIYE KURI LETA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Sitati</li><li>Abanyamuryango bose bagomba kuba bahari</li><li>Inyemeza bwishyu y'amahoro asabwa</li></ul>	Ubaza ku karere amafaranga asabwa	Uwo munsi

Noteri

<b>NO</b>	<b>SERIVISI</b>	<b>IBISABWA</b>	<b>AMAFARANGA YISHYURWA</b>	<b>IGIHE NTARENGWA</b>
4.	<b>KUGIRA INAMA ABATURAGE MU BY'AMATEGEKO</b>	Kuza mubiro bya Noteri no kugusobanura ikibazo ugishaho inama	Ntayo	Uwo munsi
5.	<b>KWEMEZA INYANDIKO MPAMO</b>	Impapuro z'umwimerere na kopi zazo	1,500 Frw kuri kopi imwe	Uwo munsi
6.	<b>GUKURIKIRANA IMANZA Z'AKARERE</b>	Inyandiko ihamagaza mu rukiko/icyemezo cy'urukiko	Ntayo	Biterwa n'uko ikibazo giteye

Noteri



# Umukozi ushinzwe Imisoro n'Amahoro

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUSABA GUSUBIZWA AMAFARANGA Y'IKIRENGA KU MUSORO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere</li><li>Impapuro za banki wishyuriyeho</li><li>Indangamuntu</li></ul>	Ntayo	Iminsi 3
2.	<b>GUHABWA AMAKURU KU MISORO N'UKO IBARWA</b>	<b>Ipatanti:</b> <ul style="list-style-type: none"><li>Kumenyekanisha aho ukorera n'imirimo ukora</li></ul> <b>Umusoro ku mitungo:</b> <ul style="list-style-type: none"><li>Ibyangombwa by'umutungo</li></ul> <b>Umusoro ku bukode:</b> <ul style="list-style-type: none"><li>Umasezerano y'ubukode</li><li>Amasezerano y'inguzanyo ya banki kugirango inyungu zigabanywe ku musoro</li></ul>	Ntayo	Uwo munsi
3.	<b>GUHABWA IMPAPURO ZAKATIWEHO IMISORO Y'IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO (RRA)</b>	Amasezerano wagiranye n'akarere n'inyemezabuguzi wishyuriweho	Ntayo	Uwo munsi
4.	<b>GUHABWA IMPAPURO ZISHYURIWEHO</b>	Amasezerano wagiranye n'akarere n'inyemezabuguzi wishyuriweho	Ntayo	Uwo munsi

Kwakira Imisoro n'Amahoro

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
5.	GUSABA KWISHYURA MU BICE	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kuzuza impapuro zibarirwaho umusoro</li> <li>Kwishyura nibura 25% by'umusoro usabwa</li> <li>Urwandiko rusaba kwishyura mu bice rwandikiwe akarere</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi
6.	KWISHYUZA UBUKODE KU MITUNGO Y'AKARERE	Amasezerano y'ubukode	Amafaranga avugwa mu masezerano	Uwo munsi



# Umukozi ushinzwe Itangwa ry'Amasoko

Imari n'ipiganwa n'Amasoko

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUHABWA IBITABO BY'IPIGANWA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Isoko rigomba kuba ryaratangajwe ku mugaragaro</li> <li>Kwishyura amafaranga y'igitabo cy'isoko</li> </ul>	Amafaranga y'igitabo cy'isoko avugwa mw'itangazo rihamagara abashaka gupiganwa	Uwo munsi
2.	<b>KWAKIRA INYANDIKO Z'IPIGANWA</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kuba waraguze igitabo cy'isoko</li> <li>kuzuza ibyasabwe mwitangazo ry'ipiganwa</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi
3.	<b>KUMENYESHA ABAPIGANWE IBYAVUYE MU ISESENGURA RY'IPIGANWA RY'AMASOKO</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kuba waratanze inyandiko ipiganirwa isoko ku gihe ikakirwa n'Akarere</li> <li>Kuzuza ibyasabwe mu itangazo ry'ipiganwa</li> </ul>	Ntayo	Iminsi 21 nyuma yo gufungura isoko
4.	<b>GUSINYISHA AMASEZERANO KU BATSINDIYE AMASOKO</b>	Kuba waratsindiye isoko kandi ugahabwa urwandiko ruguhamarira kuza gusinya amasezerano, kandi ugatanga garanti isabwa.	Ntayo	Uwo munsi ku itariki yemejwe
5.	<b>GUTANGA ICYANGOMBWA CYO KURANGIZA IMIRIMO NEZA</b>	Kuba warangije imirimo yose iri mu masezerano y'isoko kandi warubahirije ibisabwa byose	Ntayo	Uwo munsi



# Umukozi ushinzwe ubworozi

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUHABWA ICYEMEZO CYO KWIMURA AMATUNGO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Icyemezo cy'umurenge kiriho ibiranga itungo (ubwoko, imyaka, ibara, igitsina, etc.), nyiraryo, aho riva n'aho rijya, uburyo bwo kuri twara (imodoka na plaque zayo)</li><li>Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa</li><li>Indangamuntu ya nyiraryo</li></ul>	Hagati ya 1.500 Frw na 5.000 Frw.	Uwo munsi
2.	<b>GUHABWA ICYEMEZO CYO GUTWARA IBIKOMOKA KU MATUNGO HAGATI MU GHUGU</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Icyemezo cy'umurenge kiriho ibiranga ibikomoka ku matungo (ubwoko, ingano, etc.), nyirabyo, aho biva n'aho bijyanywe, uburyo bwo kubitwara (imodoka na plaque zayo)</li><li>Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa</li><li>Indangamuntu ya nyirabyo</li></ul>	Hagati ya 1.500 Frw na 5.000 Frw.	Uwo munsi
3.	<b>GUHABWA INAMA KU MUSHINGA W'UBWOROZI</b>	Ibaruwa isobanura uko umushinga uteye, nyirawo, aho ukorerwa, etc	Ntayo	Uwo munsi
4.	<b>KUGURA INTANGA</b>	Kwishyura amafaranga y'intanga muri BNR kuri konti ya RAB	Amafaranga y'intanga	Uwo munsi

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
5.	GU KINGIRA AMATUNGO	Amatungo akenewe gu kingirwa	Kwishyura urukingo	• Ku minsi yagenwe n'Akarere
6.	ICYANGOMBWA CYO KUROBA	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Icyangombwa cya koperative y'uburobyi</li> <li>• Gukoresha inshundura z'uburobyi zabigenewe kuri buri bwoko bw'amafi</li> <li>• Kwerekana aho uburobyi bukorerwa</li> <li>• Kuba ufite ubwishingizi (assurance)</li> <li>• Kuba abakozi bari mu bwisungane bwa mitiweri</li> <li>• Kugira amakoti yo kogana (gillet de sauvetage)</li> </ul>	Ntayo	Icyumweru 1
7.	GUPIMA UBUZIMA BW'AMATUNGO	Amatungo akenewe gupimwa	Ntayo	Icyumweru 1



# Umukozi ushinzwe ubuhinzi

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUHABWA INYONGERAMUSARUO</b>	Kuba mu itsinda rya Twigiremuhinzi rigomba guhinga igihingwa cyatoraniwe	Inyongeramusaruro zishurwa n'umuhinzi 50% by'agaciro kazo. Ku mbuto umuhinzi atanga 25%. Amafaranga ahabwa agrodealer	Uwo munsi k'uwhahwe uburenganzira bwo kugurisha inyongera-musaruro (agrodealer)
2.	<b>GUHABWA UBUFASHA KU MUSHINGA W'UBUHINZI</b>	Gutanga ibisobanuro by'umushinga wifuzaho ubufasha	Ntayo	Uwo munsi

Ubuhinzi



# Umukozi ushinzwe amashyamba

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUTANGA UBURENGANZIRA BWO GUSARURA ISHYAMBA RINGANA CYANGWA RIRENGA HA 2</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Urwandiko rusaba</li><li>Icyangombwa cy'ubutaka</li><li>Ku mashyamba ari hagati ya 1-2 ha Akarere gatanga inama gusa ku buryo bwo gusarura</li></ul>	Ntayo	Uwo munsi nyuma yo gusurwa ntibirenya ibyumweru bibir
2.	<b>GUHABWA UBURENGANZIRA BWO GUTWARA IBIKOMOKA KU MASHYAMBA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Ubisaba agomba kuba afite icyangombwa cyo gusarura.</li><li>Iyo ari ibyaguzwe, nyir'ukubigurisha aha ubiguze kopi y'uruhushya rwo gusarura</li><li>Uruhushya rumara amezi atatu kandi rugakoreshwa gusa ku bikomoka ku mashyamba rwatangiwe byonyine</li><li>Kuzana urupapuro rwishyuriweho amafaranga asabwa.</li></ul>	1.000 Frw kuri toni	Uwo munsi

Ubuhinzi



# Umukozi ushinzwe amakoperative

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUHABWA ICYEMEZO CYA KOPERATIVE</b>	Idosiye isaba yagenzuwe kandi ikemerwa n'Umurenge	Amafaranga asabwa aba yishyuriwe ku murenge	Icyumeru 1 kugera kuri 2 ku cyangombwa cy'agateganyo



# Umukozi ushinzwe uburezi

## Uburezi

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	GUSABA URUHUSHYA RWO GUFUNGURA IKIGO CY'AMASHURI	<ul style="list-style-type: none"> <li>Inyandiko ibisaba yemejwe n'Umurenge</li> <li>Inyandiko y'umushinga irambuye</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi
2.	GUSABA GUHINDURIRWA IKIGO CY'ISHURI	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibaruwa isaba</li> <li>Inyemezamanota y'ikigo wigamo</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi
3.	GUSABA AKAZI K'UBWARIMU	<ul style="list-style-type: none"> <li>Urwandiko rubisaba</li> <li>Impamyabumenyi iriho umukono wa noteri</li> <li>Ifishi yujuje ya Komisiyo y'abakozi ba Leta</li> </ul>	Ntayo	Icyumweru kimwe kugeza ku kwezi
4.	GUSABA INKUNGA Y'UBUREZI	<ul style="list-style-type: none"> <li>Urwandiko rubisaba ruriho umukono w'Umurenge</li> <li>Icyemezo cy'uko utishoboye</li> <li>Indangamanota yatanzwe n'ishuri wigamo</li> </ul>	Ntayo	Icyumweru kimwe
5.	ICYEMEZO CYO KUBA WARIZE GUSOMA NO KWANDIKA	<ul style="list-style-type: none"> <li>Urwandiko rusaba rutanga amakuru ya ngombwa</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
6.	<b>KWAKIRA ABAKENEYE AMAKURU KU IBARURISHAMIBARE RY' UBUREZI</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibaruwa isaba yanditswe n'ikigo isabira uwo muntu amakuru y'ibarurishamibare ku burezi</li> </ul>	Ntayo	Uwo munsi



# Umukozi ushinzwe Imiyoborere Myiza

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	KWAKIRA NO GUKE MURA IBIBAZO BY'ABATURAGE	Inzandiko z'imyanzuro yafashwe n'izindi nzego kuri icyo kibazo	Ntayo	Umunsi mwiza

Imiyoborere Myiza



# Umukozi ushinzwe Ubuyobozi bw'Imirimio n'Abakozi

Ubuyobo bw'Imirimio n'Abakozi

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	KUBARA NO GUTANGA IBIRARANE BY'AMASHIMWE	Ntabyo	Ntayo	Uwo munsi ku bakozi b'Akarere
2.	KUBARA NO GUTANGA IMPEREKEZA	<ul style="list-style-type: none"><li>Urwandiko rubisaba,</li><li>Icyemezo cy'amavuko,</li><li>Ibyemezo by'aho wakoze n'igihe wahamaze,</li><li>Abakozi bashobora kuzana amakuru yo muri RSSB iyo badashobora abakoresha babo ba mbere batabonetse.</li><li>Nomero ya konti</li><li>Iyo konti yahindutse, icyemezo cyo kutabamo umwenda wa banki yari ifite konti wahemberwagaho</li></ul>	Ntayo	Iminsi 3
3.	KUBARA NO GUTANGA IMPOZAMARIRA	<ul style="list-style-type: none"><li>Icyemezo cy'urupfu</li><li>Ibaruwa isaba</li><li>Icyemezo cyo gushyingirwa</li><li>Icyemezo cy'urukiko cyerekana umuzungura</li><li>Ibaruwa isubizwa hakurikijwe amategeko, umushahara na dosiye y'umukozi</li></ul>	Ntayo	Iminsi 3

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
4.	<b>GUHABWA IBYANGOMBWA BINYURANYE</b>	Ntabyo	Ntayo	Umunsi 1
5.	<b>GUHABWA IBENDERERA RY'IGHUGU</b>	Ntabyo	30.000 Frw	Uwo munsi

Ubuyyobozzi bw'imirimo n'Abakozi



# Umukozi ushinzwe Ubugenzuzi bw'Umurimo

## Ubugenzuzi bw'Umurimo

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	KWAKIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE ASHINGIYE KU MURIMO KU BIKORERA	Amasezerano y'akazi	Ntayo	Icyumweru kimwe
2.	GUSABA ICYANGOMBWA CYO KUTAGIRA UMUKOZI (IKIGO KIDAFITE ABAKOZI)	<ul style="list-style-type: none"><li>Icyemezo cyo kutabamo imisoro ya RRA</li><li>Icyemezo cyo kwiyandikisha muri RDB</li><li>Icyemezo cyo kwiyandikisha muri RSSB</li></ul>	Ubaza ku karere amafaranga asabwa	Uwo munsi
3.	INAMA KU BIJYANYE N'UMURIMO	Ntabyo	Ntayo	Uwo munsi



# Umukozi ushinzwe Urubyiruko n'Umuco

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>UBURENGANZIRA BWO GUKORESHA AMARUSHANWA YA SIPORO KU RWEGO RW'AKARERE</b>	Ibaruwa ibisaba	Ntayo	Iminsi 15
2.	<b>GUSABA UBUFASHA BUGENERWA URUBYIRUKO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Ibarwa isaba ubufasha itanga n'amakuru yose</li><li>Kuba uri mu cyiciro cy'Urubyiruko cyangwa ubufasha usaba bugenewe urubyiruko</li></ul>	Ntayo	Biterwa n'ubushobozibuhari



# Umukozi ushinzwe ubuzima

Ubuzima

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
1.	<b>GUSABA KWEMERERWA GUKORA UBUVUZI BWA GAKONDO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'Ubuzima</li><li>Indangamuntu</li><li>Icyemezo gitangwa na NIRDA kigaragaza amoko y'ibyatsi bizakoreshwa</li><li>Icyemezo gitangwa n'Umurenge n'Akagari uzakoreramo</li><li>Umuyobozi w'Akarere asinya ku ibaruwa isaba muri MINISANTE</li></ul>	Ntayo	Iminsi 15
2.	<b>GUSABA GUFUNGURA IVURIRO RYIGENGA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Kuba wanditse mu rugaga rw'abaganga</li><li>Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'Ubuzima iriho umukono w'umuyobozi w'Akarere (sous-couvert)</li><li>Kwerekana umuganga muzakorana wabyize</li><li>Kuba wanditse muri RDB</li><li>Umwirondoro urambuye</li><li>Indangamantu</li><li>Icyemezo gitangwa n'Umurenge n'Akagari uzakoreramo</li><li>Kopi y'impamyabumenyi</li><li>Kwerekana aho uzakorera (umurenge, akagari)</li></ul>	Ntayo	Iminsi 15

NO	SERIVISI	IBISABWA	AMAFARANGA YISHYURWA	IGIHE NTARENGWA
		<ul style="list-style-type: none"> <li>Abakozi ntibagomba kuba ari abakozi ba Leta</li> <li>Icyemezo cyo kuba utarafunzwe</li> </ul>		
3.	GUSABA GUFUNGURA FARUMASI	<ul style="list-style-type: none"> <li>Ibaruwa yandikiwe Minisiteri w'Ubuzima iriho umukono w'umuyobozzi w'Akarere (sous-couvert)</li> <li>Indangamuntu</li> <li>Kuba wanditse mu rugaga rw'abanyamafarumasi</li> <li>Kuba wanditse muri RDB</li> <li>Umwirondoro urambuye</li> <li>Indangamuntu</li> <li>Kwerekana aho uzakorera (umurenge, akagari)</li> <li>Kopi y'impamyabumenyi muri farumasi y'umuntu uzakorera muri iyo farumasi</li> <li>Indahiro y'umunyafarumasi (uhereye ku nyandiko ya minisiteri y'Ubuzima</li> <li>Icyemezo gitangwa na MINISANTE</li> </ul>	Ntayo	Iminsi 15

# Iapiro

Byakozwe na

***Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC)***

KG 7 Ave

Kigali

Rwanda

[www.minaloc.gov.rw](http://www.minaloc.gov.rw)

Ugushyingo 2015

**Byacapwe na**

PRINTEX

P.O. Box. 2802 Kigali - Rwanda

Tel: (+250) 788 433 056 | (+250) 788 526 831

[printex10@gmail.com](mailto:printex10@gmail.com)

**Amafoto**

GIZ/Claudia Wiens

*Imbonerahamwe zihinnye za serivisi zateguwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ku nkunga ya gahunda y'ikigo cy'Ubudajye  
gitsura amajyambere igamije gushyigikira politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage n'imiyoborere myiza (GIZ/Decentralisation  
and Good Governance Program).*